# 73: Nshut' iby' ushidikanyamo

1.
Nshut' iby' ushidikanyamo Ubishyir' Umwami Yesu. Uwizer' Umwami Yesu Nta bw' azakorwa n'isoni.

Ref:
Ndakwizeye, ndakwizeye. ndakwizeye, Mwami Yesu. Ndakwizeye, ndakwizeye,
Nizey' iryo jambo ryawe.

2.
Wihan' ibyo byaha byawe, Wezwe no mu maraso ye. Kand' ara kwambik' ukuri
Kugez' ubw' azakujyana,

3.
Imiruho yawe yose, Uyerek' Umwami Yesu. Naho waca mu gicucu Nta bwo Yesu yakureka.

4.
Kand' umunezero wawe Umenyekane kwa Yesu. Ni we Mwami muri byose Niw' uzaguh' umugisha.

5.
Wiyegurir' Umukiza, Muh' ubwe nge n'umutima, Kukw ashaka gu tunganya
Ubugingo bwawe bwose.

Visit us at indirimbo.com